# 323: Mana Data wa twese

1. Mana Data wa twese ,Muremyi wa byose, Kera wateranije Adamu na Eva, Non' aba bana bawe Ubah' umugisha Uva mu buntu bwawe, Baterane neza.

2. Yesu, Mukiza wacu,Wejeje bwa bukwe Bw'i Kana kera, n'ubu Ubah' umugisha.
Butah' ubwawe, weze Inzu y'aba bantu, Amahor' adashira Ajy' abamw iteka.

3. Mwuka w'Imana mwiza, Non' ubahumure, Bareb' u bwiza bwawe N'urukundo rwawe Ubarind' amahane Yic' imibanire, Ahubw' ubakoreshe Iby' ushima gusa.

4. Ab' ari Wowe, Data, Ububakir' inzu, Kugira ngw ibyishimoByabo bidashira. Wez' urukundo rwabo,Ruhorehw iteka, Babane muri Wowe. Bahuj' umutima.

Visit us at indirimbo.com